

KUMENYA AHO UJYANA ISHIMWE

Pastor Muhirwe Rufus S.

Itariki: 24/08/2025

1 Abatesalonike 5:18

“Mu bintu byose mujye mushima; kuko ari byo Imana ibashakaho muri Kristo Yesu.”

Ibyakozwe n’Intumwa 3:7-9

7 Maze amufata ukuboko kw’iburyo aramuhagurutsa; uwo mwanya ibirenge bye n’ubugombambari birakomera.

8 Arabandaduka arahagarara, aratambuka yinjirana nabo mu rusengero, atambuka yitera hejuru ashimira Imana.

9 Abantu bose babona agenda ashimira Imana.

UBUTUMWA NYAMUKURU

1. ISHIMWE RIFITE AHO RIJYANWA

- Umuntu wese afite uburenganzira bwo guhitamo aho ajyana ishimwe (celebration).
- Hari abajya kwishimira mu malodge n’inshuti, abandi bakajya muri restaurant, abandi bagasangira n’abatishoboye.
- Nk’uko Nehemiya yabwiye abantu nyuma yo gusomerwa igitabo: “Nimugende murye, munywe ibyiza, muhe n’abatagira icyo babika; kuko uyu munsu uhariwe Uwiteka wacu. Ntimugire agahinda, kuko kwishimana n’Uwiteka ari byo bitege byanyu.” (Neh 8:10).

2. ISHIMWE RY'UKURI NI IRY'IMANA

- Iyo ushimye umuntu utagize uruhare mu byo wagize, uba wibeshya.
- Uwagize uruhare mu bugingo bwawe ni Imana. Niyo mpamvu ugomba kuyishimira mbere y'abantu bose.

3. GUSHIMA IMANA SI FORMULE

- Gushima Imana ni ukuyibwira uko umeze mu buzima bwa buri muni.
- Ni ukubwira Imana icyo utabashaga gukora ariko ikagikorera, cyangwa igikora ubu mu gihe wari warananiwe.

4. KWIBUKA KO BYOSE ATARI IBYACU

- Ntibikwiriye kwiratana ibyiza imbere y'abantu, kuko ibyo ufite atari wowe wenyine ubifite.
- Abandi babibona nk'ibisanzwe, ariko wowe bikwiriye kuba impamvu yo gushima Imana.

5. ISHIMWE RIJYANWA MU RUSENGERO

- Ntabwo ari mu mahanga gusa, ahubwo ishime rya nyaryo riba mu rusengero imbere y'abera.
- Kuko ari ho abantu bose babona neza ibikorwa by'Imana, maze ikamamara.

AMASOMO Y'INGIRAKAMARO

- Kwishimira Imana nibyo bikomeye kurusha ibindi. Ntitugomba kwishimira gusa ibyo tubona, ahubwo tugomba gushimira Umuremyi.

- Gushima Imana bigira ububasha bwo kuvura no gukiza. Umunyantega nke wabazwe ibirenge yagiye mu rusengero ashimira, abantu bose barabyiboneye maze barahinduka.
- Kwishimira Imana bitera ubuhamya bukomeye. Abandi bakubona ushimira, bagahimbazwa n'Imana, bikaba uburyo bwo kuyihesha icyubahiro.

UMWANZURO

👉 Gushima Imana ni ngombwa mu buzima bwa buri muni.

- Gushima mu byiza no mu bibi.
- Gushima mu byoroheje n'ibikomeye.
- Gushima aho abandi babona nk'ibisanzwe, kuko niho ubuhamya bukura.

Luka 17:19

Yesu aramubwira ati: “Byuka, ujye, kwizera kwawe kuragukijije.”

“Byahire byari bikomeye, warabinyuze, warabihashye; niyo mpamvu dukwiye gushimira Imana buri gihe.”